



**The Governor**

**ITANGAZO RY'IBYEMEZO BYA KOMITE YA POLITIKI Y'IFARANGA YA BANKI.  
NKURU Y'U RWANDA**

Inama ya Komite ya Politiki y'Ifaranga yateranye ku wa 14 Ugushyingo 2022 igamije gusuzuma umusaruro wavuye ku ngamba zafashwe mu nama iherutse no kureba uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'lsi n'imbere mu Gihugu no gufata ibyemezo bizagenderwaho mu gihembwe gitaha. Isesengura rigaragaza ko inkeke ku izamuka ry'ibiciro zikiri zose, n'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro muri 2022 uzaba uri hejuru y'uwari witezwe mbere nk'uko bigaragara mu iteganyamibare. Ibi ahanini bikaba biterwa n'ibibazo by'ubukungu ku rwego rw'lsi n'umusaruro muke w'ubuhinzi imbere mu Gihugu. Nk'uko bigaragara mu itangazo ry'ibyemezo by'inama yo muri Kanama, intambara hagati y'Uburusiya na Ukraine (ibihugu biza ku isonga mu bikungahaye kuri peteroli, gazi, inyongeramusaruro, amabuye y'agaciro n'ibinyampeke), yatije umurindi izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa by'ibanze ku isoko mpuzamahanga. Byongeye kandi, agaciro k'idolari ry'Amerika gakomeje kwiyongera ugereranyije n'amafaranga y'ibindi bihugu, kandi hakiri n'imbogamizi ku rujya n'uruza bw'ibicuruzwa ku rwego rw'lsi. Ibi bigira ingaruka ku bwikorezi n'ikiguzi kigenda ku buhahirane mpuzamahanga, bikanazamura ibiciro ku isoko muri rusange.

Imbere mu Gihugu, umusaruro muke w'ibiribwa, watewe n'imihindagurikire y'ikirere ndetse n'ibiciro bahanitse by'ibikenerwa mu buhinzi byatumye ibiribwabihenda muri uyu mwaka. Bitezganyijwe ko impuzandengo y'izamuka ry'ibiciro ishobora kuba hafi ya 13.2 ku ijana, 1.1 ku ijana hejuru y'iteganyamibare ryakozwe muri Kanama 2022. Ibiciro byitezwe kugumya kuzamuka ku muvuduko wo hejuru kugeza mu gice cya mbere cy'umwaka wa 2023, mbere yo kugabanuka usatira imbago BNR igenderaho, munsi ya 8 ku ijana mu mpera z'umwaka 2023. Ishingiye ku myitwarire y'ubukungu muri iki gihe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, Komite ya Politiki y'Ifaranga, yafashe icyemezo cyo kuzamura inyungu fatizo ya BNR ho iby'ijana 50 iva kuri 6.0 igera kuri 6.5 ku ijana, mu rwego rwo kugabanya umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro no kubungabunga ubushobozi bw'umuguzi. Komite kandi yafashe icyemezo cyo gusubiza kuri 5 ku ijana ubwizigame butegetswe ku mafaranga abitswe na banki z'ubucuruzi, bikazajya mu bikorwa guhera ku wa 1 Mutarama 2023. Kuva muri Mata 2020, ubwo cyagabanywaga by'agateganyo, mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19, iki gipimo cy'ubwizigame butegetswe kuri banki z'ubucuruzi cyari kuri 4 ku ijana. Banki Nkuru y'u Rwanda ishishikajwe no gusubiza izamuka ry'ibiciro ku isoko mu mbago hagati ya 2 na 8 ku ijana mu gihe kiringaniye. Ingamba za politiki y'ifaranga zafashwe guhera mu ntangiriro z'uyu mwaka hazamurwa inyungu fatizo ba BNR, zizafatanyiriza hamwe n'izindi politiki mu kugera kuri iyo ntego.



## **Ubukungu bw'u Rwanda buzakomeza kwiagararaho**

N'ubwo hari ibibazo by'ubukungu ku rwego rw'Isi, ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzahuka, bufashijwe na gahunda nzahurabukungu yashyiriweho kuziba icyuho cyatewe na COVID-19, uruhare rukomeye rwa politiki y'ifaranga n'urw'iy'imari ya Leta hamwe n'itangwa ry'urukingo ryagenze neza. Nyuma yo kugabanuka ku kigero cya 3.4 ku ijana mu mwaka wa 2020, ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereyeho 10.9 ku ijana mu mwaka wa 2021 na 7.7 ku ijana mu gice cya mbere cy'umwaka wa 2022. Mu gihembwe cya gatatu 2022, ubukungu bwitezwe gukomeza kuzamuka nk'uko bigaragazwa n'igikomatanyo cy'ibipimo biboneka ku buryo bwiuse cyazamutseho 17.2 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022 kubera umusaruro w'urwego rwa serivisi n'urw'inganda wiyoungereye cyane, kivuye ku 10.0 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2021.

N'ubwo umusaruro w'ubuhinzi wabaye muke muri uyu mwaka wa 2022, ntibibujije ko ubukungu buzazamuka bitewe n'umusaruro mwiza uteganyijwe mu rwego rwa serivisi n'urw'inganda. Bityo, ubukungu bwitezwe kuzamukaho 6.8 mu mwaka wa 2022, mu gihe bwari buteganyijwe kwiyongeraho 6.0 ku ijana mu iteganyamibare riherutse.

## **Inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yakurikiye inyungu fatizo ya BNR**

Muri Kanama 2022, inyungu fatizo ya BNR yarazamuwe igeria kuri 6 ku ijana. Bityo, impuzandengo y'inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yarazamutse igeria kuri 6.05 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022, ivuye kuri 5.54 ku ijana mu gihembwe cya kabiri 2022. Cyakora, inyungu banki z'ubucuruzi zigurizaho abazigana yagabanutseho iby'ijana 14 igeria ku mpuzandengo ya 16.17 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022, ivuye kuri 16.31 ku ijana mu gihembwe cya kabiri 2022, ahanini ku bw'inguzanyo zahawe ibigo ku nyungu ziri hasi. Nyamara, inguzanyo zahawe urwego rw'abikorera ziyoungereyeho 12.6 ku ijana gusa ugereranyije n'igihembwe cya 3 umwaka ushize, ubwo zari ziyoungereyeho 18.3 ku ijana.

## **Ubuhahirane bw'u Rwanda n'amahanga bukomeje kuzahuka**

Ku bijyanye n'ubuhahirane n'amahanga, agaciro k'ibicuruzwa byoherejwe hanze kiyongereyeho 39.9 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022, bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga, iyongeragaciro ku mabuye y'agaciro yoherezwa hanze amaze gutunganywa, hamwe n'umusaruro mwiza w'inganda imbere mu Gihugu. Cyakora, agaciro k'ibitumizwa mu mahanga na ko kiyongereyeho 38.9 ku ijana, bitewe n'ubwinshi bw'amafaranga agenda ku bikomoka ku ngufu n'ibantu byo kwikenaza, ahanini bitewe n'ibiciro bya peteroli n'iby'ibiribwa bikiri hejuru ku isoko mpuzamahanga, hamwe n'ubwinshi bw'ibicuruzwa fatizo bitunganyirizwa mu nganda n'ibikoresho biramba bikenewe mu gushyigikira izahuka ry'ubukungu rikomeje ku muvuduko uri hejuru. Ubwinshi bw'ibyatumijwe mu mahanga bwatumye icyuho hagati y'iby'u Rwanda rwohereza hanze n'ibyo rutumizayo cyiyongera ku kigero cya 38.3 ku ijana.

N'ubwo bimeze bityo, imibare yerekana ko ubwizigame bw'Igihugu mu madovizi buhagije, bungana n'agaciro k'ibyatumizwa mu mahanga mu gihe kirenga amezi ane mu mpera z'umwaka wa 2022, bikazakomeza gufasha mu gusigasira agaciro k'ifaranga. Mu mezi icumi



ya mbere y'umwaka wa 2022, agaciro k'ifaranga kagabanutseho 3.88 ku ijana, mu gihe kari kagabanutseho 3.09 ku ijana mu mezi icumi ya mbere 2021.

### **Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko ukomeje kuba hejuru mu mwaka wa 2022, ariko witezweho kugababanuka ugasatira igipimo fatizo cya BNR mu mpera za 2023**

Bijyanye n'uko ubukungu bw'lisi n'ubw'Igihugu bwifashe, igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda cyazamutseho 16.4 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022 kivuye kuri 12.1 ku ijana mu gihembwe cya kabiri 2022. Iri zamuka ryatewe n'ibiciro by'ibicuruzwa bibikika na serivisi byiyongereyeho 12.9 ku ijana bivuye kuri 10.4 ku ijana, hamwe n'iby'ibiribwa byangirika vuba byazamutseho 29.7 ku ijana bivuye kuri 16.4 ku ijana. Muri rusange, inkeke z'izamuka ry'ibiciro zizakomeza kuba hejuru kugeza mu gice cya mbere cy'umwaka wa 2023, nyuma zizagende ziyoyoka, ari na ko ibiciro byerekeza mu mbago ngenderwaho mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka wa 2023, ku mpamvu z'izamurwa ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR hamwe n'izindi ngamba za politiki zafashwe. Mu by'ingenzi bizatuma ibiciro bizamuka, harimo ibiciro bihanitse mubihugu duhahirana, iby'ibikomoka ku ngufu nka peteroli na gazi biva hanze, ibiciro by'ibiribwa bihanitse ku masoko mpuzamahanga hamwe n'umusaruro muke w'ibiribwa mu Gihugu.

Hashingiwe kuri iri teganyamibare no ku musaruro w'ingamba za politiki y'ifaranga zafashwe mu nama zashize, Komite ya politiki y'ifaranga yafashe icyemezo cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR ho iby'ijana 50 ikagera kuri 6.5 ku ijana, hagamijwe gukumira izamuka rikabije ry'ibiciro no kubungabunga ubushobozi bw'umuguzi. Iki cyemezo kigamije gukumira izamuka ry'ibiciro mu Gihugu ryaturuka ku biciro bihanitse by'ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga, bitewe n'ibiazane mu bukungu ku rwego rw'lisi.

Banki Nkuru y'u Rwanda ikomeje kwita ku ntego yayo yo gukumira ihindagurika rikabije ry'ibiciro ku isoko, bikaba ku kigero kiboneye. Komite ya Politiki y'ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ibintu byifashe, kungurana ibitekerezo n'abafatanyabikorwa batandukanye kandi yiteguye kuzamura kurushaho inyungu fatizo yayo igihe bibaye ngombwa kugira ngo izamuka ry'ibiciro rigarurwe mu bipimo ngenderwaho.

Kigali, ku wa 15 Ugushyingo 2022

